**URUKIKO RW'IKIRENGA**

# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA MU MUHANGO WO GUTANGIZA KU MUGARAGARO INAMA Y'ITSINDA RY'ABAYOBOZI MU NZEGO Z'URWEGO RW'UBUTABERA

***KIGALI, KU WA 10 MUTARAMA 2020***

***Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta***
***Nyakubahwa Minisitiri w'umutekano;***
***Ba Nyakubahwa mutandukanye muri hano;***

Munyemerere ntangire mbifuriza umwaka mushya muhire wa 2020 kandi mbashimire cyane kuba mwitabiriye iyi nama y'Itsinda ry'Abayobozi ry'Urwego rw'Ubutabera.

Nk'uko mubizi, inshingano nyamukuru y'Urwego rw'Ubutabera ni ugushyigikira no kwimakaza amahame y'Igihugu kigendera ku mategeko, guteza imbere imiyoborere myiza n'umuco w'amahoro. Koko rero, umutekano n'amahoro ni wo musingi ukomeye w'ibyo Igihugu cyose gishobora kugeraho mu ntambwe iganisha ku iterambere ry'abaturage bacyo.

Biteganyijwe ko inama nk'iyi iterana kabiri mu mwaka igahuza inzego zitandukanye zifite aho zihurira bya hafi n'ibirebana n'ubutabera. Kuko ari inama ije mu ntangiriro y'umwaka kandi igihe bamwe muri twe tuje cyangwa tugarutse mu rwego rw'ubutabera, iratubera umwanya mwiza wo kumenyana no gutangira umwaka dufite ishusho iboneye ku mikorere n'imikoranire y'inzego zigize Urwego rw'Ubutabera kugirango rushobore gutanga inkunga yarwo mu kubaka u Rwanda twese twifuza.

Ni ngombwa rero ko duhura tukaganira ku ngamba zose zatuma ubutabera bw'u Rwanda buba koko inkingi y'iterambere rirambye.

Muri Gahunda y'Igihugu Igamije Impinduka yo kuva muri 2017 kugeza muri 2024 (*National Strategy for Transformation (NST1*), mu gice kerekeye guteza imbere ubutabera n'amategeko (*Strengthen Justice, Law and Order*), Urwego rw'Ubutabera rufatwa nk'inkingi ikomeye ituma u Rwanda ruba Igihugu kigendera ku mategeko n'inkingi ya ngombwa ku mpinduka mu miyoborere y'Igihugu.

Mu byo Urwego rw'Ubutabera rusabwa hakaba harimo kwimakaza ubutabera buri muntu wese yibonamo kandi agiramo uruhare. Muri urwo rwego, hari ingamba zagiye zifatwa kugira ngo inzego zose bireba zirusheho kuzuza inshingano zazo. Bitabaye ngombwa kwibutsa buri wese muri twe inshingano ze kuko nzi neza ko nk'abayobozi tuzizi neza, nagira ngo mbasangize uko mbona twashobora kuzirangiza neza kubirebana no guhamya ubutabera buboneye.

Ibyo umuntu yabikubira mu bintu bitatu ari byo ibi bikurikira:

- Guharanira ko inzego zacu zikorana ubunyamwuga (*professionalism*), abakozi bakagira umuco wo kwitangira umulimo batajenjetse cyangwa ngo bakorere ijisho, ahubwo buri wese agaterwa ishema no kuzuza neza inshingano ze muri gahunda yagutse yo kubaka u Rwanda twifuza. Ibi kandi bisaba ko abakozi bashyirwa mu myanya baba koko babifitiye ubumenyi n'ubushobozi, kandi kuko isi turimo yihuta, ingamba zigafatwa kugira ngo bahore bongererwa ubumenyi.
- Guharanira ko inzego zacu zakwimakaza ubudakemwa (*integrity*) nk'indangagaciro tugomba guhamya kandi ntiturebere uwaba wese ashaka kubiteshukaho. Nk'uko bimaze iminsi bivugwa, tugomba kurandulira mu mizi umuco mubi uranga abantu bamwe wo gushyigikira ikibi, kwanga kwiteranya ugahunga inshingano zawe, ahubwo tugomba kuba ku isonga mu gutuma ingamba n'ibyo amategeko ateganya bishyirwa mu bikorwa, by'umwihariko kuri gahunda y'ingenzi yo kurwanya ruswa (*corruption and related crimes).*
- Kwimakaza ubufatanye busesuye hagati y'inzego zacu, kuko twese dutahiriza umugozi umwe kandi icyerekezo Igihugu cyacu gishaka kugeraho kitagerwaho buri rwego rutazanye umusanzu warwo. Tugomba rwose kubaka muri twe "*a collaborative mindset*"

*Dukoranye ubunyamwuga, tukimakaza ubudakemwa kandi tukagirana ubufatanye busesuye, ariko ibyo bikajya mu bikorwa aho guhera mu magambo (we have to walk the talk), nta kabuza*

*tuzagera k'Urwego rw'Ubutabera ruboneye kandi turugire inkingi ya mwamba y'iterambere igihugu cyacu kifuza.*

Ndagira ngo rero ndagize iri jambo rigufi nongera kubashimira ko mwitabiriye iyi nama. Sinshidikanya na gato ko tugiye kungurana ibitekerezo byubaka ku cyarushaho kugera k'ubutabera bubereye Igihugu cyacu n'umuturarwanda wese.

Murakoze.